

IKINYARWANDA

Itariki: 19/06/2024

Isaha: 9h30-10h30



IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3

UMWAKA WA: KABIRI (P2)

Amanota:

..... /40

IBICE	AMANOTA MURI CA-MIS
1. Gutahura imigemo n'amagambo	/10
2. Icyandikwa	/10
3. Gusoma udategwa	Amagambo yasomye mu munota
4. Kumva umwandiko	/10

AMAZINA:

A. GUTAHURA IMIGEMO N'AMAGAMBO (amanota 10)

- | | | | |
|-----------------|---------------|----------------|--------------|
| 1. 1) nnya | 1) nywe | 1) njya | 1) pyo |
| 2. 2) nshyi | 2) syi | 2) tya | 2) cwa |
| 3. 3) dwe | 3) ntwi | 3) hwi | 3) ngwa |
| 4. 4) indyo | 4) Nkwaya | 4) igishishwa | 4) yatsinzwe |
| 5. 5) igishwi | 5) ibyacu | 5) indyankwi | 5) kurutswa |
| 6. 6) igihembwe | 6) Gacwezi | 6) intama | 6) intwari |
| 7. 7) imfabusa | 7) gityaye | 7) inshyimbo | 7) umwase |
| 8. 8) indwanyi | 8) Mapyisi | 8) umutwe | 8) intyabire |
| 9. 9) indwara | 9) amapfa | 9) inkwavu | 9) ngwino |
| 10. 10) amashyi | 10) imfunguzo | 10) ibishishwa | 10) ubwato |

B. ICYANDIKWA (amanota 10)

- 1)
- 2)
- 3)
- 4)
- 5)

GS GIKOMERO

URUPAPURO RUGENEWE UMWARIMU WENYINE

IKINYARWANDA

Itariki : 19/06/2024

Isaha : 8h30 -10h30



IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3

UMWAKA WA: KABIRI (P2)

Amanota:

..... /40

AMABWIRIZA RUSANGE

- Ikizamini k'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza kimenyerewe ku izina rya LEGRA gikorwa mu minsi ibiri.
- Umunsi wa mbere w'ikizamini umwarimu asuzumira abanyeshuri bose hamwe mu ishuri.
- Umunsi wa kabiri w'ikizamini umwarimu asuzuma buri munyeshuri ku giti ke, amusomesha umwandiko wateganyijwe hanyuma akamubaza n'ibibazo byo kumva umwandiko.
- Ikizamini giteguye ku manota 40 ahindurwa ku manota 80 nyuma yo kuyinjiza muri CA-MIS.

IKIZAMINI K'IKINYARWANDA (LEGRA)

UMWAKA WA KABIRI

IGIHEMBWE CYA GATATU

AMANOTA 40

Amabwiriza rusange ku banyeshuri bakeneye ubufasha bwihariye

- Ku banyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu ishuri, bahe igihe gikwiye kugira ngo babashe gusubiza ibibazo by'isuzuma.
- Ha amahirwe abanyeshuri bose yo gusubiza mu buryo butandukanye buboroheye (gusubiza bandika, bashushanya, bigana mu mikino ndetse n'ibindi byose byafasha umunyeshuri mu gusubiza).
- Ikoresha ry'ururimi rw'amarenga ndetse n'ubundi buryo bwose bwafasha abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga ni ihame.
- Ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona, aho bishoboka ukoreshe inyandiko ya "Braille" ibafasha gusoma. Mu gihe inyandiko ya "Braille" itabonetse, somera umunyeshuri inkuru, umubaze ibibazo ku nkuru na we agusubize.
- Mu gihe k'isuzuma wite ku mwihariko wa buri munyeshuri mu ishuri maze uteganye uburyo bwo kumufasha budaheza (harimo kongera ingano y'inyandiko ku bafite ikibazo cy'amaso, kwicaza umunyeshuri ufite ikibazo cyo kutumva imbere kugira ngo abashe gukurikira neza, kugerageza gufungura amadirishya neza n'umuryango kugira ngo urumuri rwinjire neza mu ishuri).
- Ku banyeshuri bafite ubumuga bw'imitekerereze iri hasi, ubabaze ibiri ku kigero cyabo kandi ugende ushyiramo akaruhuko k'amasegonda cyangwa iminota mikeya hagati mu ibazwa.

UMUNSI WA MBERE

A. Gutahura imigemo n'amagambo(amanota 10)

Itegereze iyi migemo n'amagambo bikurikira ubisome mu ijwi rituje. Nyuma ndasoma umugemo cyangwa ijambo ubitahure aho byanditse ku kibaho hanyuma ubyandike ku rupapuro rwawe na numero yabyo. Ku bazakorera ku mpapuro ziriho ibibazo, bazaca uruziga ku mugemo cyangwa ku ijambo umwarimu yasomye.

Ikitonderwa

- Ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona, ubabaze iki kibazo mu buryo bukurikira: Hari imigemo n'amagambo byanditse ku rupapuro ufite imbere yawe byanditse mu nyandiko ya

“Braille”. Bisome mu ijwi rituje. Nyuma ndasoma umugemo cyangwa ijambo, hanyuma ubyandike ku rupapuro rwawe ukoresheje ibikoresho usanzwe ukoresha wandika.

- Ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga, iki kibazo ukibaze ukoresheje ururimi rw’amarenga cyangwa se ibimenyetso kugira ngo umunyeshuri abashe gusubiza. Usubiremo kenshi amabwiriza ndetse n’icyo umubaza.

- Ku banyeshuri batabasha kwandika kubera ubumuga bw’ingingo cyanecyane amaboko, ikibazo ukibaze mu buryo bukurikira: Itegereze iyi migemo n’amagambo bikurikira ubisome mu ijwi rituje. Nyuma ndasoma umugemo cyangwa ijambo ubitahure aho byanditse ku kibaho hanyuma umbwire mu magambo uko iryo jambo ryandikwa.

- Wibuke gutanga umwanya uhagije ku byiciro bitandukanye by’abanyeshuri bakeneye ubufasha bwihariye.

Ingero: 1) fwi

2) nswa

3) mfu

4) njyo

1) Ndwaniye

2) umukannyi

3) **imbwa**

4) injwiri

1. 1) nnya

1) nywe

1) njya

1) pyo

2. 2) nshyi

2) syi

2) tya

2) cwa

3. 3) dwe

3) ntwi

3) hwi

3) ngwa

4. 4) indyo

4) Nkwaya

4) igishishwa

4) yatsinzwe

5. 5) igishwi

5) ibyacu

5) indyankwi

5) kurutswa

6. **6) igihembwe**

6) Gacwezi

6) intama

6) intwari

7. 7) imfabusa

7) gityaye

7) inshyimbo

7) umwase

8. **8) indwanyi**

8) Mapyisi

8) umutwe

8) intyabire

9. 9) indwara

9) amapfa

9) inkwavu

9) ngwino

10. 10) amashyi

10) imfunguzo

10) ibishishwa

10) ubwato

B. Icyandikwa(amanota 10) (Buri jambo ni inota rimwe)

Tugiye gukora umwitozo wo kwandika. Mutege amatwi, ngiye kujya nsoma ijambo cyangwa interuro namwe musubiremo. Hanyuma nimbabwira ngo mwandike namwe muhite mwandika mu mukono.

Ikitonderwa

- Ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona barandika bakoresheje ibikoresho byabugenewe bibafasha kwandika mu nyandiko ya “Braille”.

- Ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga, ikibazo urakibaza mu buryo bukurikira kandi wibuke gukoresha ururimi rw’ amarenga cyangwa se ibindi bimenyetso bifasha umunyeshuri kumva ikibazo: Tugiye gukora umwitozo wo kwandika. Mukurikire, ngiye gusoma ijambo namwe musubiremo. Hanyuma nimbabwira ngo mwandike namwe muhite mwandika. Aba banyeshuri bari muri iki kiciro, ntabwo baba babasha kwandika interuro. Mu cyandikwa ubahe amagambo gusa.

- Ku banyeshuri bafite ubumuga bw’ingingo z’amaboko ubahe amahirwe yo gusubiza bavuga cyangwa se bakoreshe ubundi buryo buboroheye.

- Ku munyeshuri utumva, utavuga mu mwanya w’interuro arakora amagambo ari mu dukubo. Mu gihe umunyeshuri atasobanukiwe neza ijambo bitewe n’uko atazi ururimi rw’amarenga ukoreshe imfashanyigisho zigaragara zamufasha (ibishushanyo n’ibindi bifatika).

1) Ntwari / **inota 1**

2) inkwavu / **inota 1**

3) imfuruka / **inota 1**

4) Nyandwi yacyuye inka. / **amanota 3**

5) Muhirwa akunda kunywa inshyushyu. / **amanota 4**